RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

# ITANGAZO RY' AKAZI

U Rwanda rukomeje kuba icyitegererezo mukubungabunga ubwoko butandukanye bw'ibinyabuzima no mu micungire irambye y'mutungo kamere.
Kubera ubushake bukomeye bwa Leta ndetse n'uruhare rw'abaturage, igihugu cyabashije gusana ibidukikije byagiritse, kurengera inyamaswa ziri mu kaga, no guteza imbere ubukerarugendo bushigiye ku bidukikije nk'imwe mu nkingi z'iterambere ry'ubukungu.
Ahantu nyamukuru habugabunzwe harimo Parike z'Igihugu za Volcanoes, Akagera, Gishwati-Mukura, na Nyungwe, zikomeje gutera imbere binyuze mu micugire inoze n'ubufatanye bw'imbaranga.

Mu rwego rwo gukomeza kurinda umurage kamere w'u Rwanda, Ikigo kigihugu gishinzwe iterambere (RDB) ku bufatanye n'umuryango African Parks, kirishimira kumenyesha ko hatangiye igikorwa cyo gushaka abayobozi bashinzwe umutekano n'ubugenzuzi mu maparike (Rangers) mu maparike yose y'igihugu.
Iyi gahunda igamije gukomeza kurinda no, kogerera umutekano inyamanswa, no gukomeza guteza imbere ibikorwa byo kubugabunga ibidukije mu Rwanda.

Urwanda rushinzwe iterambere mu Rwanda (RDB) rurifuza guha abanyarwanda babyifuza kandi babifitiye ubushobozi akazi ko kurinda pariki y'Akagera, Nyungwe, Gishwati-Mukura ndetse n'apariki y'ibirunga.

**INYITO Y'AKAZI**: Abarinzi ba Pariki

**UMUBARE: 96**

**UBAKURIYE MU KAZI**: Umuyobozi ushinzwe Umutekano wa Pariki

**IKIGAMIJWE MU KAZI**:

Umukozi ushinzwe kurinda Pariki, ukuriwe n'Umuyobozi ushinzwe Umutekano wa Pariki, azaba ashinzwe cyane cyane gukora ibijyanye no kurinda umutekano wa Pariki, kimwe n'indi mirimo ashobora gusabwa gukora irimo gukurikirana imibereho y'ibinyabuzima bya Pariki no kugenzura ikongi z'umuriro.

**INSHINGANO Z' UMUKOZI**:

- Gucunga umutekano wa Pariki hakurikijwe gahunda n'amabwiriza byatanzwe
- Kugenzura no kurwanya ibikorwa bibujijwe muri Pariki
- Gukurikirana ibimenyetso bigaragaza ibikorwa bibangamira Pariki n'urusobe rw'ibinyabuzima hifashishijwe ibikoresho nka GPS ndetse binindi bitandukanye.
- Gukurikirana inyamaswa, kugenzura imyitwarire yazo no gutanga raporo y'ibyowabonye byose.

- Gukora imirimo ijyanye no gukumira no kurwanya inkongi z'umuriro
- Gufatanya kenshi n'itsinda rishinzwe kugenzura uruzitiro rwa Pariki (mu Kagera).
- Gukora imirimo ijyanye no guhangana n'ibibazo biterwa n'inyamanswa mu baturiye Pariki.

**UBUMENYI N'UBUSHOBOZI BIKENEWE:**

Abifuza akazi bagomba kuba barize nibura imyaka itandatu y'amashuri yisumbuye, kandi bafite imyaka iri hagati ya 20 na 28

**Ubushobozi bukenewe:**

- Kuba afite imbaraga kandi akomeye
- Kuba ashobora gukorera mu ishyamba no mu gasozi
- Gukurikirana inyamaswa, kugenzura imyitwarire yazo no gutanga raporo ku byo wabonye byose
- Kuba arangwa n'ikinyabupfura no kubaha
- Kuba ashobora gukora akazi gasaba ingufu no kwihangana, haba ku manywa cyangwa nijoro
- Kugira imico myiza no kubanira neza abandi
- Kumenya gusesengura ibibazo no kubishakira umuti
- Kuba ashobora gutanga amakuru neza no gukora raporo
- Kuba agaragaza ubushobozi bwo gukora neza afatanyije n'abandi mu matsinda
- Kuba abasha gukorera kure cyangwa ahantu hitaruye cyane
- Kuba ashobora gukora akazi kenshi kihutirwa, ndetse na nyuma y'amasaha asanzwe y'akazi igihe bibaye ngombwa
- Kuba afite icyemezo cyo kuba atarigeze akatirwa igifungo kirengeje amezi atandatu

**Ibindi byatanga amahirwe (kubigira byaba ari akarusho):**

- Kuba azi kandi amenyereye gukoresha igikoresho cya GPS
- Kuba yarahuguriwe gukorera mu ishyamba no kwirwanaho
- Kuba yarahuguriwe Ubutabazi bw'ibanze
- Kuba afite uruhushya rwo gutwara ipikipiki
- Kuba yarigeze akorana n'urwego rucunga umutekano

**Ubumenyi mu ndimi:**

Kuba ashobora gukoresha neza ururimi rw'Ikinyarwanda na rumwe mu zindi ndimi zemewe zikoreshwa mu Rwanda, nk'Icyongereza cyangwa Igifaransa.

**IBIGIZE DOSIYE ISABA AKAZI:**

- Ibaruwa isaba akazi
- Fotokopi y'impamyabushobozi cyangwa seritifika y'amashuri yize biriho umukono wa Noteri
- Umwirondoro
- Fotokopi y'Irangamuntu cyangwa Pasiporo
- Icyemezo cy'Ubuzima bwiza gitangwa na muganga
- Icyemezo cycyo kuba atarigeze akatirwa igifungo kirengeje amezi atandatu
- N'ibindi byangombwa byunganira ubusabe bwawe

**UBURYO BWO GUSABA AKAZI:**

Abakandida babyifuza kandi bujuje ibisabwa, barasabwa kohereza dosiye zabo bakoresheje uburyo bwa mudasobwa, babyohereza kuri E-mail: recruitment.rangers@rdb.rw.

**Icyitonderwa**: Ibyoherezwa byose ku buryo bwa mudasobwa bigomba kuba biri mu buryo bwa PDF.

Turabamenyesha kandi ko abakandida bujuje ibisabwa, bakanagira ubumenyi bukenewe ari bo bazahamagaririrwa gukora ibizamini by'akazi.

Italiki ntarengwa yo kwakira dosiye zisaba akazi ni kuwa gatandatu taliki 2 Gicurasi 2026, **Saa Kumi n'imwe z'umugoroba**.

Bikorewe i Kigali, kuwa: 19 Mata, 2026

**Jean-Guy AFRIKA**
**Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere**